Rwanda Youth In Agribusiness Forum (RYAF)
"Youth as Agents of Change in Agribusiness"

# ITANGAZO

## GUHAMAGARIRA URUBYIRUKO RWASOJE KWIGA KAMINUZA RUFITE IMPAMYABUSHOBOZI Y'ICYICIRO CYA A1 N'ICYA A0 KWIYANDIKISHA KUBA ABAKORANABUSHAKE MURI PROJECT YA E-SOKO

**Rwanda Youth in Agribusiness Forum (RYAF)**

RYAF ni ihuriro ry'Urubyiruko rukora Ubuhinzi bworozi kinyamwuga ndetse rukaba urubuga rwashyizweho kugira ngo ruhuze amatsinda atandukanye y'urubyiruko, abahinzi b'urubyiruko ku giti cyabo ba rwiyemezamirimo bari mu rwego rw'ubuhinzi, ndetse n'ubuhinzi bushamikiye ku Ikoranabuhanga ICT.

**E-SOKO PROJECT**

E-Soko ni umushinga wa Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi (MINAGRI) ikaba umushinga ugamije ikusanyamakuru ku biciro by' ibiribwa ku masoko 63 yatoranijwe ari mu turere 30 tugize u Rwanda aho byibuze buri karere karimo isoko ryatoranijwe kugirango umuhinzi / Umworozi, Umucuruzi/umuguzi agire amakuru ahagije ku isoko. Uyu mushinga ukaba ushyirwa mubikorwa n' Ihuriro ry'urubyiruko rukora Ubuhinzi n'Ubworozi (RYAF) binyuze mubufatanye iri huriro rifitanye na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI).

**RYAF MURI PROJECT YA E-SOKO**

Muri gahunda yoguhuza urubyiruko n' amahirwe ari mu buhinzi bworozi, kongerera urubyiruko ubushobozi, ndetse no kuruha urubuga rwo kubyaza amahirwe aruzengurutse aboneka mubuhinzi bworozi, MINAGRI-RYAF yahisemo gukoresha urubyiruko mugukusanya amakuru y'ibiciro by'ibiribwa ndetse nandi makuru afitanye isano n'isoko, RYAF yabonyeko e-Soko project ari isooko nziza mu kwihangira imirimo nk'urubyiruko rushingiye kumakuru ruhura nayo umunsi ku munsi ku isoko rukabihuza n'ubumenyi rwakuye mu ishuri.

Ndetse RYAF ifite gahunda yo gukangurira urubyiruko kwitabira ibikorwa by'ubukoranabushake mu gisate cy'ubuhinzi n'ubworozi, aho ubu hari umubare munini w'urubyiruko rurimo guteza imbere ubuhinzi bworozi binyuze mubikorwa bitandukanye by'ubukoranabushake.

**Ibisabwa gukora nk'umukoranabushake muri project ya E-Soko**

- Kuba yararangije kwiga icyiciro cya kaminuza kurwego rwa A1 cyangwa A0 (All fields)
- Kuba atarengeje imyaka 35
- Kuba atuye mu kagari isoko ryatoranijwe riherereyemo, umudugudu byaba ari akarusho,
- Kuba ari indakemwa mumico no mumyifatire,
- Kuba yarize amasomo y' "**Ubuhinzi bworozi, ubucuruzi, ICT, Ibarurishamibare, Ubukungu, Amajyambere mucyaro n'ibindi bifitanye isano**" n'akarusho
- Kuba yararangije kwiga kimwe mukiciro cyavuzwe guhera 2017
- Mbere y'uko agira aho yoherezwa abanza kugaragaza icyangombwa kimico n'imyitwarire gitangwa n'urwego rw'Umurenge.

**Igihe ntarengwa cyo gutanga ubusabe ni:** kuwa 30 MATA 2023

Abifuza gukora nk'abakoranabushake bandikira umuyobozi wa RYAF ibaruwa isaba kuba umukoranabushake/ Volunteer, igaragaza Akagari, Umurenge, ndetse n'Akarere abarizwamo, fotokopi (Photocopy) y'Irangamuntu, iy'Impamyabushobozi, ndetse na CV ***isinyeho***, bigashyirwa kuri Email: **ryafhr@gmail.com**

Bikorewe I Kigali, ku wa 04 Mata 2023

**Umuyobozi Nshingwabikorwa wa RYAF**

**Bwana RWIRIRIZA Jean Marie Vianney**

Rwanda Youth In Agribusiness Forum (RYAF)

*"Youth as Agents of Change in Agribusiness"*

**Intara n'Uturere amasoko barizwamo**

| NO | INTARA | AKARERE | UMURENGE |
|---|---|---|---|
| 1 | IBURASIRAZUBA | BUGESERA | Ruhuha |
| 2 | | | Nyamata |
| 3 | | GATSIBO | Kiramuruzi |
| 4 | | KAYONZA | Mukarange |
| 5 | | | Kabarondo |
| 6 | | KIREHE | Nyakarambi |
| 7 | | | Gatore |
| 8 | | NGOMA | Kibungo |
| 9 | | Nyagatare | Rukomo |
| 10 | | | Nyagatare |
| 11 | | | Matimba |
| 12 | | RWAMAGANA | Karenge |
| 13 | | | Ntunga |
| 14 | | | Rwamagana |
| 15 | UMUGI WA KIGALI | GASABO | KIMIRONKO |
| 16 | | | Mulindi |
| 17 | | KICUKIRO | Gahoromani |
| 18 | | | Gahanga |
| 19 | | | Kicukiro center |
| 20 | | | Ziniya |
| 21 | | NYARUGENGE | Kimisagara |
| 22 | | | Nyamirambo |
| 23 | | | Nyarugenge modern |
| 24 | | | Nyabugogo |
| 25 | AMAJYARUGURU | BURERA | Nyagahinga |
| 26 | | | kirambo |
| 27 | | GAKENKE | Rushashi |
| 28 | | | Gakenke |
| 29 | | | Muhondo |
| 30 | | GICUMBI | Byumba |
| 31 | | | GASEKE |

RWANDA YOUTH IN AGRIBUSINESS FORUM ★ (RYAF) ★

| | | | |
|---|---|---|---|
| 32 | | MUSANZE | Musanze |
| 33 | | | Byangabo |
| 34 | | RULINDO | Base |
| 35 | | | Shyorongi |
| 36 | AMAJYEPFO | GISAGARA | Musha |
| 37 | | HUYE | Karambi |
| 38 | | | Butare |
| 39 | | | Kizi |
| 40 | | KAMONYI | Mugina |
| 41 | | | Gacurabwenge |
| 42 | | | Kayenzi |
| 43 | | MUHANGA | Muhanga |
| 44 | | NYAMAGABE | Gikongoro |
| 45 | | | Gasarenda |
| 46 | | NYANZA | Busasamana |
| 47 | | NYARUGURU | Ndago |
| 48 | | RUHANGO | Buhanda |
| 49 | | | Ruhango |
| 50 | BURENGERAZUBA | KARONGI | Birambo |
| 51 | | | Kibirizi |
| 52 | | | Kibuye |
| 53 | | NGORORERO | Ngororero |
| 54 | | | Kabaya |
| 55 | | NYABIHU | Mukamira |
| 56 | | Nyamasheke | Bushenge |
| 57 | | | Kirambo1 |
| 58 | | RUBAVU | Mahoko |
| 59 | | | Gisenyi |
| 60 | | RUSIZI | Kamembe |
| 61 | | | Bugarama |
| 62 | | RUTSIRO | CongoNil |
| 63 | | | Nkora |



YOUTH IN AGRIBUSINESS FORUM (RYAF)